

**AMABWIRIZA N° 004/2011 YO KU WA 30/07/2011 YA KOMISIYO Y'IGIHUGU
Y'AMATORA YEREKEYE ITORA RY'ABASENATERI BATORWA**

Inama y'Abakomiseri ;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 82 ; iya 83 iya 85 n'iya 180 ;

Ishingiye ku Itegeko n°27/2010 ryo ku wa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 28, iya 61, iya 62, iya 63 ; iya 64, iya 65, iya 66 iya 67, iya 68, iya 98, iya 121 n'iya 204 ;

Ishingiye ku Itegeko n°31/2005 ryo ku wa 24/12/2005 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 3 n'iya 5 ;

Ishingiye ku Iteka rya Perezida n° 44/01 ryo ku wa 29/07/2011 rigena ifasi y'itora n'umubare w'Abasenateri batorwa n'inezgo zihariye hakurikijwe inzego z'imitgekere y'Ighugu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 2 n'iya 3;

Ishingiye ku Iteka rya Perezida n° 45/01 ryo ku wa 29/07/2011 rigena iminsi y'amatora n'igihe cyo kwiyamamaza kw'Abakandida bo muri Sena cyane cyane mu ngingo zaryo iya 2 n'iya 3;

Inama y'Abakomiseri yateranye ku wa 30 Nyakanga 2011 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

Itanze amabwiriza akurikira :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza agenga itora ry'Abasenateri cumi na babiri (12) batorwa hakurikijwe inzego z'imitgekerere y'Ighugu n'iry' Abasenateri babiri (02) batorwa muri za Kaminuza no mu Mashuri Makuru bya Leta n'ibyigenga.

Ingingo ya 2 : Ifasi y'itora

Ku Basenateri 12 batorwa hakurikikijwe inzego z'imitgekere y'Ighugu, ifasi y'itora ni Intara n'Umujyi wa Kigali.

Ku Basenateri babiri (02) batorwa muri za Kaminuza no mu Mashuri Makuru bya Leta n'ibyigenga ifasi y'itora ni Ighugu cyose.

Ingingo ya 3: Imyanya igenewe buri fasi y'itora

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 04 y'Iteka rya Perezida n°44/01 ryo ku wa 29/07/2011 rigena ifasi y'itora n'umubare w'Abasenateri batorwa n'inzego zihariye hakurikijwe inzego z'imitgekere y'Ighugu, imyanya y'abasenateri 12 isaranganywa ku buryo bukurikira hashingiwe ku mubare w'abaturage bemerewe gutora muri buri Ntara n'Umujiyi wa Kigali, bari ku ilisiti ndakuka y'itora iheruka gukosorwa bwa nyuma na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora mbere y'itora ry'Abasenateri.

- a. Intara y'Amajyaruguru: imyanya ibiri (2);
- b. Intara y'Amajyepfo: imyanya itatu (3) ;
- c. Intara y'Iburasirazuba: imyanya itatu (3);
- d. Intara y'Iburengerezuba: imyanya itatu (3);
- e. Umujiyi wa Kigali: umwanya umwe (1).

UMUTWE WA 2: LISITI Y'ITORA

Igingo ya 4 : Itegurwa rya lisiti y'itora

Komisiyo y'Ighugu y'Amatora niyo itegura lisiti y'abagize Inteko itora Abasenateri batorwa muri buri Ntara n'Umujiyi wa Kigali n'iy'abagize inteko itora Abasenateri batorwa n'abrimu cyangwa abashakashatsi bo muri Kaminuza no mu Mashuri makuru bya Leta cyangwa ibyigenga.

Ntawemerewe gutora atari ku ilisiti y'abagize Inteko itora.

Ingingo ya 5: Lisiti y'Inteko itora Abasenateri 12 batorwa hakurikijwe inzego z'imitgekere y'Ighugu.

Abasenateri cumi na babiri (12) batorwa n'Inteko itora igizwe n'Abagize Biro z'Inama Njyanama z'Imirenge n'Abagize Inama Njyanama z'Uturere bigize Intara cyangwa Umujiyi wa Kigali.

Abagize Inama Njyanama y'Umujiyi wa Kigali batorera hamwe n'abagize Inama Njyanama y'Akarere batorewemo.

Ingingo ya 6: Lisiti y'Inteko itora Abasenateri batorwa muri za Kaminuza no mu Mashuri Makuru bya Leta n'ibyigenga

Lisiti y'Inteko itora Abasenateri batorwa n'abrimu cyangwa abashakashatsi bo muri Kaminuza no mu Mashuri Makuru bya Leta cyangwa ibyigenga igizwe n'abrimu cyangwa abashakashatsi bakorera ibyo bigo nk'abakozi babyo bakora ku buryo buhoraho.

Abayobozi b'ibyo bigo bategura urutonde rw'abagize Inteko itora rugaragaza urwego bariho rugashyikirizwa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Nta mwarimu cyangwa umushakashatsi wemerewe kujya kuri lisiti y'itora y'ikigo cy'ishuri kirenze kimwe.

UMUTWE WA 3:ITANGWA RYA KANDIDATIRE

Ingingo ya 7: Igihe cyo gutanga kandidatire

Igikorwa cyo gutanga kandidatire kizatangira tariki ya 1 Kanama 2011 kikazarangira tariki ya 15 Kanama 2011.

Kandidatire zakirwa mu minsi y'akazi kuva saa moya (7h) za mu gitondo kugeza saa kumi n'imwe (17h) z'igicamunsi.

Kandidatire zakirirwa ku cyicaro cya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora utanze kandidatire agahabwa icyemezo cy'iyakira rya kandidatire ye.

Ingingo ya 8: Ibyangombwa bigomba guherekeza kandidatire

Buri kandidatire igomba guherekezwa ni ibi bikurikira:

1 ° amazina yose ya buri mukandida ahuye n'ari mu ikarita ndangamuntu ye;

2 ° umwirondoro ugaragaza :

- a) umwuga we;
- b) itariki y'amavuko n'aho yavukiye;
- c) aho atuye;

3 ° icyemezo cy'amavuko gitangwa n'urwego rw'Ighugu rubifitiye ububasha;

4 ° amafoto ye abiri abiri (2) magufi y'amabara;

5 ° fotokopi y'ikarita ndangamuntu ye;

6 ° fotokopi y'ikarita y'itora ye;

7 ° icyemezo cy'ubutabera kitarengeje amezi atatu (3) gitanzwe n'urwego rubifitiye ububasha kigaragaza ko umuntu atigeze akatirwa cyangwa yakatiwe igihano cy'igifungo;

8 ° Kopi y'impamyabushobozi nibura ihanitse cyangwa ihwanye n'iyo mpamyabushobozi iriho umukono wa noteri cyangwa icyemezo cy'uko yakoze imirimbo yo mu rwego rwo hejuru muri Leta cyangwa urwabikorera.

9 ° icyemezo yashyizeho umukono cyangwa igikumwe gihamba ko inyandiko yasabwe kandi yatanze muri dosiye ye zihuje n'ukuri.

Ingingo ya 9: Ibyangombwa bisabwa by'umwihariko abakandida b'Abasenateri bo muri za Kaminuza n'ab'Ibigo by'Amashuri Makuru bya Leta n'ibyigenga.

Usibye ibiteganywa n'ingingo ya 8 y'aya mabwiriza, Umukandida ushaka kwiyamariza Ubusenateri ku mwanya wagenewe Abarimu n'Abashakashatsi bo muri za Kaminuza n'Ibigo by'Amashuri Makuru, agomba kugaragaza na none bikurikira:

- 1° icyemezo cy'uko akora ku buryo buhoraho cyatanzwe na Kaminuza cyangwa Ishuri Rikuru rya Leta cyangwa ryigenga;
- 2° inyandiko yemeza ko yashyizwe nibura ku rwego rw'umwarimu wungirije.

Ingingo ya 10: Ibibujije mu itangwa rya Kandidatire

Nta wemerewe gutanga kandidatire ye icyarimwe mu itora ry'Abasenateri 12 batorwa hakurikijwe inzego z'imitgekere y'Ighugu no ku myanya y'Abasenateri batorwa muri za Kaminuza no mu Mashuri makuru bya Leta cyangwa ibyigenga.

Ntawemerewe gutanga kandidatire ye mu ifasi y'itora irenze imwe.

UMUTWE WA 3: KWIYAMAMAZA

Ingingo ya 11: Igihe cyo kwiyamamaza

Igikorwa cyo kwiyamamaza kw'Abakandida gitangira tariki ya 06 Nzeri 2011 saa kumi n'ebyiri (06:00) za mu gitondo kikarangira tariki ya 25 Nzeri 2011 saa kumi n'ebyiri (06:00) za mu gitondo.

Ingingo 12: Gahunda yo kwiyamamaza

Komisiyo y'Ighugu y'Amatora itegura gahunda yo kwiyamariza muri buri Karere nibura inshuro imwe (1) ku bakandida ku myanya y'Abasenateri 12 batorwa hakurikijwe inzego z'imitgekere y'Ighugu, ikayimenyesha abakandida bireba.

Icyakora, buri mukandida ubyifuje ashobora gutegura gahunda ye yihariye yo kwiyamariza imbere y'abagize inteko itora, akayimenyesha mu nyandiko ubuyobozu bw'Akarere yifuza kwiyamarizamo hasigaye nibura amasaha makumyabiri n'ane (24) kugira ngo yiyamamaze.

Ishami rya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ku rwego rwa zone y'amatora Akarere karimo rigenerwa kopi kugira ngo rishobore gukurikirana ukwiyamamaza kw'Abakandida.

Kuri buri cyicaro cya Kaminuza, icy'Ishuri Rikuru rya Leta cyangwa icyishuri ryigenga Komisiyo y'Ighugu y'Amatora itegura nibura inshuro imwe (1) gahunda yo kwiyamamaza ku bakandida ku myanya y'Abasenateri batorwa muri Kaminuza no maMashuri Makuru bya Leta n'ibyigenga, ikayimenyesha abakandida bireba.

Icyakora, buri mukandida ubyifuje ashobora gutegura gahunda ye yihariye yo kwiyamamaza akayimenyesha ubuyobozi bw'Ikigo cy'Ishuri yifuza kwiyamarizamo mu nyandiko, hasigaye nibura amasaha makumyabiri n'ane (24) kugira ngo yiyyamamaze.

Ishami rya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ku rwego rwa zone y'amatora ryaho icyo kigo kiri rigenerwa kopi kugira ngo rishobore gukurikirana ukwiyamamaza kw'Abakandida.

Ingingo ya 13: Uburyo bwemewe gukoreshwa mu gikorwa cyo kwiyamamaza

Mu kwiyamamaza , abakandida bashobora gukoresha uburyo bukurikira:

1. amatangazo amanitse n'ibitambaro byanditseho;
2. gutanga amabaruwa n'inyandiko zigenewe abantu benshi;
3. inama mbwirwaruhame;
4. Radyo, Televisiyo, n'itangazamakuru ryandika;

Ku birebana n'itangazamakuru rya Leta,Inama Nkuru y'Itangazamakuru ikora ku buryo Abakandida bahabwa uburenganzira bungana bwo gukoresha itangazamakuru.

Icyakora itangazamakuru ryigenga, rishobora gukoreshwa n'abakandida ku bwumvikane hagati yabo n'ubuyobozi bw'iryo tangazamakuru.

Ku birebana n'inyandiko zigenewe abantu benshi (depliants),imipira,amafoto, ingofero,imyambaro n'ibindi bikoresho bitandukanye byamamaza byemewe gutangirwa mu gikorwa cyo kwiyamamaza kandi mu gihe giteganywa mu ngingo ya 11 y'aya mabwiriza, bigatangirwa aho kwiyamariza bikorerwa hubahirizwa ibiteganywa n'amategeko.

Ibikoresho n'inyandiko byamamaza byose bibujije gukoreshwa ku munsi w'itora.

Ingingo ya 14:Aho abakandida bemerewe kumanika amafoto n'inyandiko bibamamaza

Abakandida bemerewe kumanika amafoto yabo n'inyandiko bibamamaza ahantu hagenwe n'Ubuyobozi bubifiyiye ububasha mu Karere cyangwa ikigo cy'ishuri biyamarizamo.

Bagomba gukangurira ababashygikiye kwirinda guca, kwangiza no gusibanganya ifoto y'undi mukandida n'ikindi cyose kimwamamaza.

Ingingo ya 15: Uburyo umukandida wifuza kwiyamamaza mu binyamakuru bya Leta asaba uruhusa.

Umukandida wifuza kwiyamamaza kuri radio na televisiyo by'Igihugu abisaba abayobora ibyo bitangazamakuru mu nyandiko itangirwa icyemezo cy'iyakira hasigaye nibura iminsi itatu (3) ngo igikorwa cyo kwiyamamaza gitangire. Muri iyo nyandiko, Umukandida agaragaza itariki n'amasaha yifuza kuziyamamazaho.

Umuyobozi w'igitangazamakuru wandikiwe agomba gusubiza mu nyandiko itangirwa icyemezo cy'iyakira hasigaye nibura amasaha makumyabiri n'ane (24) mbere y'uko kwiyamamaza bitangira. Iyo adasubije ubusabe bufatwa nk'aho bwemewe.

Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora n'Inama Nkuru y'Itangazamakuru bahabwa kopi z'inyandiko zose zavuzwe haruguru.

Ingingo ya 16: Uburyo bwo gukemura impaka iyo habayeho kugongana kw'ibikorwa byo kwiyamamaza

Uretse gahunda rusange yo kwiyamariza hamwe muri buri Karere cyangwa ikigo cy'ishuri tegurwa na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora, nta bikorwa byo kwiyamamaza bibiri cyangwa birenga bishobora kubera icyarimwe mu Karere cyangwa ikigo cy'ishuri kimwe ku munsi umwe n'isaha imwe.

Iyo hamenyekanishijwe ibikorwa bibiri cyangwa birenze, uwamenyekanishije mbere ni we wemererwa.

Iyo uwamenyesheje mbere yari yarakoresheje ikindi gikorwa cyo kwiyamamaza cyangwa kwamamaza, kimwe cyangwa byinshi, uwemererwa ni uwahakoresheje ibikorwa bike.

Ingingo ya 17: Icyemezo gihabwa uwamamaza

Uwamamaza umukandida agomba kuba afite icyemezo yahawe n'uwo yamamaza. Icyo cyemezo kigaragarizwa Ubuyobozi bw'Akarere cyangwa ikigo cy'ishuri bw'aho kwamamaza bikorerwa.

Ingingo ya 18: Ibibusijwe abiyamamaza cyangwa abamamaza abakandida

Mu kwiyamamaza, Abakandida n'ababahagarariye basabwa kwirinda ibi bikurikira:

1. Gukoresha umutungo wa Leta aho waba uri hose mu buryo bunyuranyije n'amategeko;
2. Gutuka cyangwa gusebya mu buryo ubwo aribwo bwose undi mukandida;
3. Kumanika amafoto cyangwa inyandiko, gukorera inama ahatabigenewe n'ikindi gikorwa cyose cyamamaza;
4. Icyahungabanya amahoro, ubumwe n'umutekano rusange by'Abanyarwanda;
5. Gutanga ruswa cyangwa kwakira ruswa;
6. Guhamagarira abatora kwiba amajwi cyangwa gukora ikindi gikorwa icyo ari cyo cyose n'imyifatire yose byatumwa amatora atagenda neza;
7. Kwiyamamaza mu gihe kitagenwe n'amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;
8. Gushingira ku bwoko, ku mutwe wa Politiki, ku isano muzi , ku karere no ku bundi buryo bwose bushingiye ku ivangura.

Ingingo ya 19: Ibibujijwe abakandida mu biganiro mpaka no mu nama zinyuranye

Mu biganiro mpaka no mu nama z'abaturage, abakandida n'ababahagarariye bagomba kwirinda gukoresha imvugo, amashusho n'ibimenyetso ibyo aribyo byose byateza imvururu cyangwa amacakubiri mu baturage.

Buri mukandida cyangwa abamuhagarariye bagomba kwirinda kuvuga undi mukandida cyangwa umuhagarariye ku byerekeye imibereho ye bwite, idini ayoboka, umutwe wa politiki arimo, akarere akomokamo, ubwoko bwe cyangwa ikindi cyose gishingiye ku ivangura n'amacakubiri.

Ingingo ya 20: Ibyemezo bifatirwa utubahiriza amategeko mu gikorwa cyo kwiyamamaza

Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, umukandida bigaragayeho kwica amategeko mu kwiyamamaza atumizwa na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora kugira ngo yihanangirizwe bwa mbere ku mugaragaro mu magambo.

Iyo nyuma yo kwihanangirizwa atikosoye, Komisiyo y'Ighugu y'Amatora imwandikira imwihanangiriza bwa nyuma.

Iyo akomeje kutubahiriza ibiteganywa n'amategeko, Komisiyo y'Ighugu y'Amatora imwandikira imumenyesha ko kandidatire ye yavanywe ku rutonde rw'abakandida bemerewe kwiyamamaza mu gihe kitarenze amasaha cumi n'abiri (12) nyuma yo kugaragarizwa ikosa yakoze mu nyandikoakanamenyeshwa ingingo z'itegeko zitubahirijwe.

Uwavanywe mu bakandida afite uburenganzira bwo kuregera icyemezo cya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora mu nkiko zibifitiye ububasha mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) avanywe ku ilisiti y'abakadida. Icyakora, ntibibuza igikorwa cy'amatora gukomeza.

UMUTWE WA 4: GUHAGARARIRWA KW'ABAKANDIDA

Ingingo ya 21: Aho abahagarariye abakandida bemerewe gukurikirana ibikorwa by'amatora

Buri mukandida yemerewe kugira umuntu umuhagararira ku biro by'itora cyangwa ku cyumba cy'itora yabihereye icyemezo cyanditse kugira ngo agenzure imigendekere y'itora .

Ingigo ya 22: Ibibujijwe abahagarariye abakandida

Ntawemerewe guhagararira abakandida barenze umwe, ntawemerewe kandi kubahagararira mu biro by'itora birenze kimwe cyangwa mu cyumba cy'itora kirenze kimwe.

Uhagarariye umukandida agomba kwirinda gutanga amabwiriza ayo ariyo yose arebana n'amatora.

Ingingo ya 23: Igihe abakandida bashyikiriza Komisiyo y'Igihugu y'Amatora lisiti y'ababahagararira mu cyumba cy'itora.

Abakandida bifusa guhagararirwa bashyikiriza Komisiyo y'Igihugu y'Amatora lisiti y'abo bahaye uburenganzira bwanditse bwo kubahagararira ku biro by'itora cyangwa mu cyumba k'itora hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo itora ribe.

Izo lisiti zigomba kugaragaza amazina yose y'abazabahagararira, nomero y'ibibaranga n'ibiro by'itora cyangwa icyumba cy'itora bazakoreramo.

Abahagarariye abakandida bagomba kuba bemerewe gutora ariko batari mu Nteko itora.

Ingingo ya 24: Abagenzura ibyemezo by'abahagarariye abakandida

Mbere yo gutangira imirimo ye ku biro by'itora cyangwa mu cyumba cy'itora , uhagarariye umukandida agomba kugaragariza uyoboye igikorwa cy'amatora icyemezo gisinyweho yahawe n'uwo ahagarariye kugira ngo arebe ko ari kuri lisiti yemejwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora .

Ingingo ya 25: Ibikorwa abahagarariye abakandida bemerewe.

Abahagarariye abakandida bemerewe gusa:

1. Gusuzuma udusanduku tw'itora mbere y'uko itora ritangira;
- 2 .Gukurikirana ibikorwa by'itora mu ituze;
3. Gukurikirana ibikorwa byo kubarura impapuro z'itora;
4. Gukurikirana ibikorwa byo kubarura amajwi;
- 5 .Gukurikirana iteranya, ihuzwa n'itangazwa ry'amajwi ;

UMUTWE WA5 : IMIGENDEKERE Y'AMATORA

Ingingo ya 26 : Aho amatora abera

Itora ry'Abasenateri 12 batorwa hakurikijwe inzego z'imitgekekere y'Igihugu ribera muri buri Karere ahagenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.Guhuza amajwi yaturutse mu Turere twose tugize ifasi y'itora bikorerwa ku rwego rw'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali bigakorwa n'Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Intara cyangwa rw'Umujyi wa Kigali. Itora ry'Abasenateri batorwa muri za Kaminuza no mu Mashuri Makuru bya Leta n'ibyigenga ribera muri icyo kigo.

Ingingo ya 27:Igihe itora ritangirira n'igihe rirangirira

Ku Basenateri 12 batorwa hakurikijwe inzego z'Imitegekere y'Igihugu, muri buri Ntara/Umujuyi wa Kigali itora ritangira hari nibura 2/3 by'abagize Inteko itora. Iyo 2/3 bitabonetse , amatora arasubikwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5). Iyo 2/3 bitabonetse ku nshuro ya 2 itora rikorwa n'abaje.

Ku Basenateri batorwa muri za Kaminuza no mu Mashuri Makuru bya Leta n'ibygenga, itora ritangira hari nibura ¾ by'abagize Inteko Itora. Iyo 3/4 bitabonetse , amatora arasubikwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5). Iyo 3/4 bitabonetse ku nshuro ya 2 itora rikorwa n'abaje.

Kuri ayo matora yombi, itora ntirigomba gutangira mbere ya saa kumi n'ebyiri za mu gitondo (6h) kandi ntirigomba kurenza saa cyenda z'igicamunsi (15 h). Icyakora , iyo saa cyenda z'igicamunsi zigeze itora ryamaze gutangira itora rirakomeza kugeza rirangiye.

Igihe hari impamvu, abatoresha bashobora guhindura isaha yo gusoza itora nyuma yo kumenyesha no kugisha inama Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Ingingo ya 28 : Imiterere y' urupapuro rw'itora

Urupapuro rw'itora mu itora ry'Abasenateri batorwa rugizwe n'utuzu dutatu mu buryo bukurikira:

- 1.akazu ka mbere karimo izina ry'umukandida;
2. akazi ka kabiri karimo ifoto y'umukandida
- 3.akazu ka gatatu gaterwamo igikumwe mu gihe cyo gutora.

Ingingo ya 29 : Uburyo bwo gutondekanya abakandida ku rupapuro rw'itora

Mu gutondekanya abakandida ku rupapuro rw'itora hakurikizwa uko kandidatire zakiriwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Ingingo ya 30: Umuhango wo gutangira itora

Mbere yo gutangiza itora abayobora amatora barahira indahiro igaragara ku mugureka wa **mbere (I)** w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 31: Kuzuza inyandiko mvugo itangiza itora

Nyuma yo kurahira no gusobanurira abagize Inteko itora imigendekere y'amatora, Umuhuzabikorwa w'ibiro by'itora yuzuza inyandikomvugo itangiza itora. Imiterere y'iyi nyandikomvugo igaragara ku mugureka wa **kabiri (II)** w'aya mabwiriza.

Mbere y'uko itora nyirizina ritangira, muri buri cyumba cy'itora cyangwa muri buri biro by'itora, umuhuzabikorwa w'amatora kuri urwo rwego amaze kwereka abahari ko agasanduku

k'itora karimo ubusa, aragafunga akoresheje imigozi yabugenewe agasiga umwenge umwe wo gucishamo impapuro z'itora, akongera kugafungura ibarura ry'amajwi ritangiye. Nyuma yo kubarura amajwi kongera gufungwa karimo impapuro zatoreweho n'izitatoreweho.

Ingingo ya 32: Ibyangombwa uje gutora yitwaza

Buri muntu wanditse kuri lisiti y'itora yemererwa gutora ari uko yerekanye ikimuranga n'ikarita y'itora bye. Iyo adafite kimwe muri ibyo, Umuhuzabikorwa w'amatora amwemerera gutora hamaze gukorwa igenzura rigamije kumenya niba uje gutora ariwe ubifitiye uburenganzira.

Ikarita y'itora ikoreshwa muri aya matora ni iyakoreshejwe mu matora y'inzego z'ibanze yabaye muri Gashyantare Werurwe 2011.

Ingingo ya 33: Gusiza itora

Bitabangamiye ibiteganywa mu gika cya 3 cy'ingingo ya 27 y'aya mabwiriza, itora risozwa saa cyenda (15h) z'igicamunsi. Umuhuzabikorwa w'amatora akora inyandikonvugo isoza itora. Imiterere y'iyo nyandikomvugo igaragara ku **mugereka wa gatatu (III)** w'aya mabwiriza.

UMUTWE WA 6: IBARURA RY'AMAJWI

Ingingo ya 34: Kwegeranya ibyavuye mu ibarura ry'amajwi ku biro by'itora

Mu itora ry'Abasenateri cumi na babiri (12) batorwa hakurikijwe inzego z'imitgekere y'Igihugu, kwegeranya ibyavuye mu ibarura ry'amajwi bikorerwa ku biro by'itora itora rikirangira bigakorwa na Perezida w'ibiro by'itora afatanyije n'Abaseseri b'amatora .

Inyandikomvugo y'ibyavuye mu matora iba ikubiyemo ibi bikurikira:

1. umubare w'abagombaga gutora bari kuri lisiti y'itora;
2. umubare w'abatoye;
3. umubare w'impapuro z'itora bahawе;
4. umubare w'impapuro z'itora zatoreweho neza n'mfabusa
5. umubare w'impapuro z'itora zasigaye zidatoreweho.
6. amajwi buri mukandida yabonye.

Perezida w'ibiro by'itora amenyesha abantu bahari ibyavuye mu matora.

Perezida w'ibiro by'itora yuzuza inyandikomvugo ikorwa hakurikijwe imiterere y'umugereka wa **kane (IV)** w'aya mabwiriza.

Perezida w'ibiro by'itora ashyira inyandikomvugo y'ibyavuye mu matora ku rwego rw'ibiro by'itora mu ibahaha ifunze ku buryo bwizewe agateraho kashe mu ruhame, akandika amazina y'ibiro by'itora, akayifunga neza hanyuma akayohereza Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Intara cyangwa ku rwego rw'Umujiyi wa Kigali.

Ingingo ya 35: Ihuzwa ry'ibavuye mu matora ku rwego rw'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali.

Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali amaze guhuriza hamwe amajwi ya buri mukandida yavuye muri buri Karere amenyesha abantu bahari ibavuye mu matora, akanakora inyandiko mvugo yabigenewe bikoherezwa Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ku rwego rw'Ighugu mu ibahaha ifunze iteyeho kashe cyangwa akoresheje ubundi bwihuse bushoboka bwemejwe na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Imiterere y'inyandikomvugo igaragara ku mugerekwa gatanu (V) w'aya mabwiriza.

Inigo ya 36 : Kwegeranya ibavuye mu ibarura ry'amajwi ku bigo by'amashuri Makuru na Kaminuza.

Mu itora ry'Abasenateri batorwa muri za Kaminuza no mu Mashuri Makuru bya Leta n'ibygenga, kwegeranya ibavuye mu ibarura ry'amajwi bikorerwa ku kigo cy'Ishuri cyatoreweho itora rikirangira, ibavuye mu itora bikamenyeshwa abantu bahari. Umuhuzabikorwa w'amatora kuri urwo rwego akora inyandiko mvugo yabigenewe igaragara ku mugerekwa **kane (IV)** w'aya mabwiriza ikohererezwa Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ku rwego rw'Ighugu mu ibahaha ifunze iteyeho kashe cyangwa akoresheje ubundi bwihuse bushoboka bwemejwe na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora cyangwa undi yabihereye uruhusa niwe uhuza ibavuye mu matora yaturutse mu bigo byose by'amashuri byatorewemo.

Ingingo ya 37: Uburyo bw'itora

Amatora y'Abasenateri akorwa mu cyiciro kimwe.

Mu gutora, utora ahitamo umukandida umwe gusa.

Mu itora ry'Abasenateri batorwa hakurikijwe Inzego z'Imitegekere y'Ighugu, abakandida baba batowe ni ababa barushije abandi amajwi hakurikijwe umubare uteganywa kuri buri fasi y'itora.

Iyo hari abakandida banganyije amajwi ku mwanya wa nyuma , itora risubirwamo kuri abo banganyije amajwi. Iyo bakomeje kunganya amajwi, hakoreshwa tombola kugira ngo hamenyekane uwegukanye uwo mwanya.

Ku basenateri batorwa n'abarimu cyangwa abashakatsi bo muri Kaminuza no mu Mashuri makuru bya Leta cyangwa ibygenga, umukandida uba watowe ni uba yarushije abandi amajwi.

Iyo ku mwanya wa mbere hari abakandida banganyije amajwi, itora risubirwamo. Iyo bakomeje kunganya amajwi, hakoreshwa tombola kugira ngo hamenyekane uwegukanye uwo mwanya.

Uyobora amatora ashaka impapuro zitorerwaho zingana n'umubare w'abanganyije amajwi, akandika kuri rumwe YEGO izisigaye akandikaho OYA.

Urwo rupapuro rushyirwaho kashe ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora n'uyobora amatora kuri urwo rwego.

Buri wese mu banganyije amajwi ahitamo urupapuro rumwe. Utoye YEGO aba atsinze itora.

Ingingo ya 38: Igihe cyo gutangaza ibyavuye mu matora y'abagize Umutwe wa Sena

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 122 y'Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigena amatora nk'uko ryahindiwe kandi ryujuje kugeza ubu, mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) itora ry'abagize Umutwe wa Sena rirangiye, Komisiyo y'Ighugu y'Amatora itangaza by'agateganyo ibyavuye muri buri fasi y'itora.

Itangazwa burundu ry'ibyavuye mu matora rikorwa na Komisiyo y'Ighugu y'amatora mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) Abasenateri batowe.

UMUTWE WA 7: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

Ingingo ya 39: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya mabwiriza

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranye nayo zivanyweho.

Ingingo ya 40: Ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi yatangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Bikorewe i Kigali ku wa 30.07.2011

**Prof. Dr KARANGWA Chrysologue
Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora**



REPUBLIKA Y'U RWANDA



KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA B.P. 6449 KIGALI

Tél. 597800/597801/597802

Fax : 597851

E-mail : comelena@rwanda1.com

Website : www.comelena.gov.rw

Umujiyi wa Kigali / Intara ya.....

Akarere ka.....

Ibiro by'itora.....

Icyumba cy'itora.....

UMUGEREKA WA MBERE

INDAHIRO Y'ABAYOBORA IMIRIMO Y'AMATORA

“ Jyewe.....;

Ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro:

- 1° ko ntazahemukira Republika y'u Rwanda;
- 2° ko nzubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko;
- 3° ko nzaharanira uburenganzira bw'ibanke bwa muntu n'ibyagirira Abanyarwanda bose akamaro;
- 4° ko nzaharanira ubumwe bw'Abanyarwanda;
- 5° ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe;
- 6° ko ntazakoresha ububasha mpawe mu nyungu zanje bwite.

Nintatira iyi ndahiro, nzabihanirwe n'amategeko.
Imana ibimfashemo”.

Amazina n'umukono by'umaze kurahira

Amazina n'umukono by'urahiza

Bibonywe kugira ngo byomekwe ku mabwiriza n° 004/2011 yo ku wa 30/07/2011 ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yerekeye itora ry'Abasenateri batorwa.

(se)

Prof. Dr. KARANGWA Chrysologue
Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.



REPUBLIKA Y'U RWANDA



KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

B.P. 6449 KIGALI

Tél. 597800/597801/597802

Fax : 597851

E-mail : comelena@rwanda1.com

Website : www.comelena.gov.rw

Umujiyi wa Kigali / Intara ya.....
 Akarere ka.....
 Ibiro by'itora bya.....
 Icyumba cy'itora cya.....

UMUGEREKA WA II

INYANDIKO MVUGO ITANGIZA ITORA KU BIRO BY'ITORA/KU CYUMBA CY'ITORA

Umwaka wa.....ukwezi kwa.....umunsi wa
 Twebwe..... Perezida w'ibiro
 by'itora/icyumba k'itora cya..... dutangije itora ku buryo bukurikira :

1) Twagenzuye udusanduku tw'itora dusanga nta mpapuro zirimo.

2) Umubare w'abiyandikishije bari kuri lisiti y'itora

3) Umubare w'impapuro z'itora twahawe

4) Itora ritangiye saa.

Amazina n'Imikono
 by'abaseseri ku biro

by'itora/ku cyumba cy'itora

1.....

2.....

3.....

Amazina n'Umukono
 bya Perezida w'ibiro
 by'itora/Umuhuzabikorwa w'amatora ku
 cyumba cy'itora

1.....

Bibonye kugira ngo byomekwe ku mabwiriza n° 004/2011 yo ku wa 30/07/2011 ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yerekeye itora ry'Abasenateri batorwa.

(se)

Prof. Dr. KARANGWA Chrysologue
 Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.



REPUBLIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

B.P. 6449 KIGALI



Tél. 597800/597801/597802

Fax : 597851

E-mail : comelena@rwanda1.com

Website : www.comelena.gov.rw

UMUGEREKA WA III.

Umujiyi wa Kigali / Intara ya.....

Akarere ka.....

Ibiro by'itora.....

INYANDIKOMVUGO ISOZA ITORA KU BIRO BY'ITORA

Umwaka wa.....ukwezi kwa....., umunsi wa....., twebwe.....
....., Perezida w'ibiro by'itora bya.....

Tumaze kubona ko ari saa.....,

Dushoje itora.

Amazina n'umukono bya Perezida

w'ibiro by'itora

.....

Bibonywe kugira ngo byomekwe ku mabwiriza n° 004/2011 yo ku wa 30/07/2011 ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yerekeye itora ry'Abasenateri batorwa.

(se)

Prof. Dr. KARANGWA Chrysologue
Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.



REPUBLIKA Y'U RWANDA



KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

B.P. 6449 KIGALI

Tél. 597800/597801/597802

Fax : 597851

E-mail : comelena@rwanda1.com

Website : www.comelena.gov.rw

Umujiyi wa Kigali / Intara ya.....

Akarere ka.....

Ibiro by'itora.....

UMUGEREKA WA IV

INYANDIKO MVUGO Y'IBARURA RY'AMAJWI KU BIRO BY'ITORA: AKARERE/IKIGO CY'ISHURI

Umwaka wa.....ukwezi kwa....., umunsi wa.....,
twebwe....., Perezida w'ibiro by'itora n'abaseseri ku biro by'itora

Tumaze gusoza itora no kubarura amajwi y'abatoye dusanze:

A. Ibjiyanye n'amatora n'impapuro z'itora:

1.Umubare w'abagombaga gutora bari kuri lisiti:

<input type="checkbox"/>	Gore	<input type="checkbox"/>	Gabo	<input type="checkbox"/>	Bose
--------------------------	------	--------------------------	------	--------------------------	------

2.Umubare w'abatoye bari kuri lisiti y'itora:

<input type="checkbox"/>	Gore	<input type="checkbox"/>	Gabo	<input type="checkbox"/>	Bose
--------------------------	------	--------------------------	------	--------------------------	------

4.Umubare w'abatoye neza :

5.Umubare w'impapuro z'itora zabaye impfabusa:

6.Umubare w'impapuro zasigaye zidatoreweho:

A. Amajwi Abakandida babonye

Nomero	Izina ry'umukandida	Umubare w'amajwi yabonye.	Ijanisha
1			
2			
3			
4			
5			
6			
7			
8			
9			
10			
11			
12			
13			
14			
15			
16			
17			
18			
19			
20			

Amazina n'umukono bya Perezida
w'ibiro by'itora

1.....

Amazina n'imikono
by'Abaseseri ku biro by'itora

1.....

2.....

3.....

Bibonye kugira ngo byomekwe ku mabwiriza n° 004/2011 yo ku wa 30/07/2011 ya Komisiyo
y'Ighugu y'Amatora yerekeye itora ry'Abasenateri batorwa.

(se)

Prof. Dr. KARANGWA Chrysologue
Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.



REPUBLIKA Y'U RWANDA



KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

B.P. 6449 KIGALI

Tél. 597800/597801/597802

Fax : 597851

E-mail : comelena@rwanda1.com

Website : www.comelena.gov.rw

Umujiyi wa Kigali / Intara ya.....

Akarere ka.....

Ibiro by'itora.....

UMUGEREKA WA V

INYANDIKO MVUGO Y'IHUZWA RY'AMAJWI KU RWEGO RW'INTARA

Umwaka wa.....ukwezi kwa....., umunsi wa.....,
twebwe....., Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Intara

Tumaze guhuriza hamwe ibyavuye mu matora mu Turere twose tugize Intara/Umujiyi wa Kigali
dusenze:

B. Ibijyanye n'amatora n'impapuro z'itora:

1.Umubare w'abagombaga gutora bari kuri lisiti y'itora (Uturere twose)

Gore	Gabo	Bose
<input type="checkbox"/>	<input type="checkbox"/>	<input type="checkbox"/>

2.Umubare w'abatoye bari kuri lisiti y'itora (Uturere twose)

Gore	Gabo	Bose
<input type="checkbox"/>	<input type="checkbox"/>	<input type="checkbox"/>

4.Umubare w'abatoye neza :

5.Umubare w'impapuro z'itora zabaye impfabusa:

6.Umubare w'impapuro zasigaye zidatoreweho:

B. Amajwi Abakandida babonye

Nomero	Izina ry'umukandida	Umubare w'amajwi yabonye.	Ijanisha
1			
2			
3			
4			
5			
6			
7			
8			
9			
10			
11			
12			
13			
14			
15			
16			
17			
18			
19			
20			

Amazina n'umukono by'Umuhezabikorwa
w'amatora ku rwego rw'Intara

Amazina n'imikono
by'Abaseseri

1.....

1.....

2.....

3.....

Bibonye kugira ngo byomekwe ku mabwiriza n° 004/2011 yo ku wa 30/07/2011 ya Komisiyo
y'Ighugu y'Amatora yerekeye itora ry'Abasenateri batorwa.

(se)

Prof. Dr. KARANGWA Chrysologue
Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.